

Ihame ku musaruro wo Kwitegura neza



“Ubwenge nibwo bwubaka urugo, kandi rukomezwa no kujijuka.” Imigani 24:3

Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Hari uburyo butandukanye butwereka uburyo twapanga cyangwa nidupange ubuzima bwacu. Hari bamwe bifashisha icyanditswe, “witekereza ku by’ejo hazaza,” bibwira ko bivuga ngo ntukagire icyo upanga. Iyi myumvire usanga ikoresheya n’abizera benshi. Abandi ho nta kabuza, ugasanga banyuranya na bagenzi babo. Ariko ujye ushyira mu gaciro ibyo yesu yavuze, yaje kuri iyi si ku mugambi w’Imana hari intego ndetse mu gihe runaka. Ibi ugasanga bitwigisha gupangira ubuzima bwacu. Njye uko mbyumva nuko twabaho ubuzima bwacu nkaho tuzapfa ejo, ariko kandi ujye upanga nkaho uzabaho imyaka ijana. Ni bintu bike ushobora kugeraho udafite icyerekezo cy’ejo hazaza hamwe n’umugambi wo kubikora. Mirongo icyenda kw’ijana y’ubuzima bwacu bushobora kugenda nkuko twabuteguye neza. Iyo tudafite umugambi, usanga turabura ibisubizo by’ibabazo duhura nabyo. Aha ni ukuvuga ni byiza yuko twagira umugambi wacu bitari ibyo tuzagenda mu migambi y’abandi.

Kwitegura neza rero bizadukiza ibibazo byinshi mu bice byose by’ubuzima, bityo ugasanga ibintu biri mu buryo kandi birasobanutse. Kugira ngo rero umugambi wacu ugire agaciro, ugomba kugira ingingo eshatu:

1. Tugomba kugira icyerekezo.
2. Ugomba kuvugamo umugambi wacu
3. Tugomba kuba dufite ingamba z’uko twifuza kubigeraho.

Abantu bagomba kugira icyerekezo niba bifuzwa kwishima—ibi usanga byavutseho umugambi n’itego. Umugambi wacu uzadusaba umwiteguro ufite intego zifututse.

kugera ku bisubizo ni hamwe mu hantu h’ingenzi mu buzima bwacu. Imigambi yose myiza igira intego z’igihe gito n’itego z’igihe kirekire ziherekejwe n’igihe bizakorerwamo ndetse n’amatarike bizasorezwaho. Muri ubu buryo, birashoboka ko twapima imbaraga zacu. Bityo ugasanga byabaye “nk’agakino” gafite inshingano n’amabwiriza yo gukurikiza. Maze umugambi ukaba “amabwiriza y’umukino.” Tekereza gukina umupira w’intoki udafite aho ujugunya, cyangwa se undi mukino ariko ntaho ufite utsinda. Ntabwo twamenya rero niba dutinda cyangwa dutsindwa, cg se tumenye niba dufite umusaruro mwiza cg mubi. Ntibishoboka rero kumenya umusaruro dufite nta migambi n’itego ku mukino. Birakomeye kandi kujya mu karuhuko udafite amakuru, ku myiteguro yaho twifuza kujya ndetse ni giciro bisaba. Umugambi niwo uzamura ibyishimimo. Umugambi utwereka uburyo n’igihe tuzahagerera, hamwe nibyo tuzakora mu gihe tuzaba turiyo. Ubuzima bwacu bwose bugomba gutegurwa n’ubushishozi. Ibi bituma ubuzima ubuzima burushaho kuryoha. Mu gihe rero twifuza kugera kure kandi tukabona n’umugisha w’Imana, umugambi wacu ugomba kugira izi ngingo:

1. Ese uyu mugambi urashoboka?

2. Ese birashoboka kuwitaho mu gihe twawugezeho?

3. Ese uzagira ingaruka ki ku nshuti n’umuryango?

4. Ese amaherezo nyewe uzangeza he?

Ntabwo ari buri kimwe twapanze gishobora gucamo, ariko byibuzwe tubasha kubipima dukoresheje imigambi yacu maze tugakosorana ubuhanga. Imana yifuza ko dupanga ubuzima bwacu. Igaha umugisha umugambi wacu iyo tuyiyambaje ngo ituyobore. Ibi nibyo twita kwitegurana ubushishozi. Tugomba kuzirikana neza ko (twapanze ubuzima bwacu) ku ndangagaciro zatanga umusaruro mwiza mu gihe turi mu nzira yo kubigeraho, bitihise twananirwa aho kugera ku bisubizo.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Birashoboka ko wafata inzira yose ikakugera ahariho hose, ariko mu gihe uzi aho ugiye, ugomba kumenya inzira ikugezayo.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw’ ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed